REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IKIRENGA
B.P 2197 KIGALI

**ITANGAZO N° 012/CSM/2014 RIGENEWE ABIFUZA GUPIGANIRA IMYANYA Y'ABACAMANZA MU NKIKO ZISUMBUYE**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza aramenyesha abantu bose ko hari imyanya itanu (5) y'abacamanza mu Nkiko Zisumbuye ipiganirwa.

Abifuza gupiganira iyo myanya, bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3. Kuba afite nibura impamyabumenyi ihanitse mu byerekeye amategeko no kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka ine (4) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko, uretse abafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa iy'ikirenga mu by'amategeko, basabwa uburambe bw'imyaka ibiri (2) nibura mu by'amategeko;
4. Kuba ari inyangamugayo;
5. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
6. Kuba atarahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside;
7. Kuba atarangwa n'amacakubiri ayo ariyo yose;
8. Kuba atabogama;
9. Kuba atavugirwamo;
10. Kuba adafite ubumuga bwo mu mutwe bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubucamanza, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
11. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
12. Kuba atarigeze guhanishwa igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) cyabaye ndakuka;
13. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze cyangwa ngo asezererwe nta mpaka, atarakoresheje uburiganya mu kazi, atarataye umurimo, cyangwa ataranze kuwugarukaho mu gihe yari yarasezerewe by'igihe gito cyangwa se atarawugarutseho igihe yari abisabwe.

Ibindi bisabwa:

1. Kuba azi gukoresha "ordinateur/computer";
2. Kuba afite impamyabumenyi irenze isabwa, byaba ari akarusho.

Uwujuje ibisabwa, yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, ibaruwa isaba akazi agashyiraho umwirondoro we na kopi y'impamyabumenyi, ku ibahasha akandikaho umwanya yifuza gupiganira, akizanira ubwe dosiye ye ku cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga ku Kimihurura, mu Bunyamabanga Rusange, bitarenze tariki **28/11/2014.**

Bikorewe i Kigali, kuwa 12 NOV 2014

**Sam RUGEGE**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na**
**Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**

URUKIKO RW'IKIRENGA